# Sobanukirwa iby’Igihembwe cy’Urugaryi rwa 2024 cy'Umunyeshuri wawe Indangamanota y'Isuzumabumenyi y'Umwaka muri Maine

## Igipimo cy'Amanota muri Maine

Imirongo y'amabara, ishushanyije itambitse ku ndangamanota y'umunyeshuri wawe igaragaza igipimo cy'amanota y'umunyeshuri wawe muri Maine. Aya manota apima imikorere y'umunyeshuri wawe muri iri suzuma hashingiwe ku bushobozi bw'ingenzi mu gusoma n'imibare mu mwaka yigamo hagendewe ku bipimofatizo bya leta ku kigero cye.

Isuzuma ryo gusoma mu cyiciro cya 5 ripima ubushobozi nko:

- Gukoresha amakuru ari mu nyandiko mu gusubiza ibibazo byabajijwe ku nkuru, ku mukino, ku mivugo, n'inyandiko ikubiyemo amakuru.
- Gukora incamake y'inyandiko uvuga ibitekerezo by'ibanze n'amakuru y'ingenzi.
- Gusesengura no kugereranya imiterere y'inkuru, imivugo, n'inyandiko ikubiyemo amakuru.
- Kugereranya no gutandukanye ingingo z'ingenzi zivugwa mu nyandiko ebyiri zivuga ku nsanganyamatsiko imwe.
- Gukoresha amarenga avugwa ku mutima w'inkuru n'imfashanyigisho mu kumenya icyo amagambo asobanuye.

Isuzuma ry'imibare mu cyiciro cya 5 ripima ubushobozi nko:

- Kugabanya umubare wose kuri mugabuzi y'imibare 2.
- Guteranya, gukuramo, gukuba, no kugabanya imigabane.
- Gusobanukirwa agaciro k'umwanya w'umubare kugeza ku mwanya w'ijana.
- Guteranya, gukuramo, gukuba, no kugabanya imibare.
- Kugira isobanukirwa ry'ubunini (ingano y'ubunini ikintu cyafashe).

Igipimo cy'Amanota muri Maine gihuzwa n'urugero rw'ibyo Yagezeho aho bisobanura neza imikorere y'umunyeshuri hagendewe kubyo leta imutegerejeho. Urugero rw'ibyo Yagezeho ni Munsi cyane y'Ibyo Leta Imutegerejeho, Munsi y'Ibyo Leta Imutegerejeho, Ibyo Leta Imutegerejeho, no Hejuru y'Ibyo Leta Imutegerejeho.

## Igikoresho Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho

I gikoresho Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho gitanga amakuru arambuye ku bipimofatizo mu myigire runaka byasuzumwe kuri buri cyiciro n'ibikubiye muri ibyo bipimofatizo mu bushobozi butandukanye kuri buri rugero rw'ibyo yagezeho.

*Uko wabona Igikoresho Kiranga Urugero rw'ibyo Yagezeho*